REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA NYAKANGA 2022

**10 Kanama 2022**

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA NYAKANGA 2022

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Nyakanga 2022. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 15,6% mu kwezi kwa Nyakanga 2022 ugereranyije na Nyakanga 2021. Ibiciro muri Kamena 2022 byari byiyongereyeho 13,7%.

Muri Nyakanga 2022, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 28,6%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 7,5%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 12,4% n'ibiciro by'amacumbi n'amafunguro byiyongereyeho 17,2%.

Iyo ugereranyije Nyakanga 2022 na Nyakanga 2021, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 12,5%.

Iyo ugereranyije Nyakanga 2022 na Kamena 2022, ibiciro byiyongereyeho 1,7%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 2,9%.

### B. Ibiciro mu byaro

Muri Nyakanga 2022, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 22,5% ugereranyije na Nyakanga 2021. Ibiciro muri Kamena 2022 byari byiyongereyeho 17,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Nyakanga, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 34,5% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 11,4%.

Iyo ugereranyije Nyakanga 2022 na Kamena 2022 ibiciro byiyongereyeho 3,5%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 6,4%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Muri Nyakanga 2022 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 19,6% ugereranyije na Nyakanga 2021. Muri Kamena 2022 ibiciro byari byiyongereyeho 16,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Nyakanga 2022, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 32,7% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 9,6%.

Iyo ugereranyije Nyakanga 2022 na Kamena 2022 ibiciro byiyongereyeho 2,7%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,3%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nyakanga 2021 kugeza muri Nyakanga 2022.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva Nyakanga 2021 kugeza Nyakanga 2022**

*ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije*

| | 2021 | | | | | | 2022 | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | -0,4 | -0,6 | -0,9 | 0,6 | 1,0 | 1,9 | 4,3 | 5,8 | 7,5 | 9,9 | 12,6 | 13,7 | 15,6 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | -1,7 | -2,8 | -4,8 | -6,0 | -6,4 | -4,7 | -0,8 | 3,1 | 4,3 | 11,0 | 16,4 | 17,9 | 22,5 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | -1,1 | -1,8 | -3,2 | -3,3 | -3,4 | -2,0 | 1,3 | 4,2 | 5,6 | 10,5 | 14,8 | 16,1 | 19,6 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,0 | 0,3 | 0,6 | 0,6 | -0,5 | 0,0 | 2,1 | 1,8 | 3,1 | 2,4 | 1,9 | 0,8 | 1,7 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | -0,4 | 0,6 | -0,1 | -0,7 | -1,1 | 0,1 | 2,9 | 4,5 | 2,6 | 4,7 | 2,3 | 1,5 | 3,5 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | -0,3 | 0,5 | 0,2 | -0,1 | -0,9 | 0,1 | 2,5 | 3,3 | 2,8 | 3,7 | 2,1 | 1,2 | 2,7 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw